RMB
Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

# Ubushakashatsi kuri peteroli mu kiyaga cya Kivu

Kigali, Mutarama 15, 2025 – Urwego rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda rwifuje gutangaza amakuru ajyanye n'ubushakashatsi kuri peteroli munsi y'ikiyaga cya Kivu.

Ubushakashatsi bujyanye n'ivumburwa rya peteroli bwakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga rya "2D Seismic Survey" (2021-2022) bwagaragaje ko munsi y'ikiyaga cya Kivu hari amahirwe menshi ko hari peteroli.

Ubu bushakashatsi bugaragaza ko mu burebure bwa km 3.5 munsi y'ikiyaga hari ibimenyetso bya peteroli bigaragara mu duce 13; kandi bukerekana n'ahantu ho gucukura kugira ngo hashimangirwe ubwoko n'ingano bya peteroli.

RMB iri mu gikorwa cyo gushaka abafatanyabikorwa mu gukomeza ubushakashatsi buganisha kumenya ingano ya peteroli munsi y'ikiyaga cya Kivu.